Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali

ITANGAZO

Muri gahunda yo kwihutisha itangwa rya serivisi zijyanye n'ubutaka, Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali ku bufatanye n'Ikigo Gishinzwe Imicungire n'Imikoreshereze y'Ubutaka mu Rwanda, buramenyesha abantu bose bafite ubutaka butabanditseho, buherereye mu bice byakorewe ibishushanyo by'imitunganyirize y'ahantu *(Detailed Physical Plans)* kandi byemejwe, mu Turere tugize Umujyi wa Kigali, ko hateganyijwe ibyumweru bibiri byagenewe kubaha serivisi yihariye ijyanye n'ubutaka (***Land week***), kuva ku wa **19 Ukwakira 2020** kugeza ku wa **30 Ukwakira 2020**. Abifuza serivisi zijyanye no gusaba ibyangombwa by'ubutaka buherereye mu ma *sites,* barasabwa kugana abayobozi ba *sites* zabo kugirango basobanurirwe uko dosiye zabo zujuje ibisanzwe bisabwa usaba icyangombwa cy'ubutaka zagezwa ku Karere ubutaka buherereyemo (Gasabo, Kicukiro, Nyarugenge), kugira ngo bakorerwe ibyangombwa by'ubutaka. Serivisi zavuzwe haruguru zitangwa neza, ku gihe, kandi hubahirizwa amabwiriza yo kwirinda ikwirakwizwa ry'icyorezo cya koronavirusi (*COVID-19*).

Bikorewe i Kigali, kuwa 16/10/2020

UMUJYI WA KIGALI

RUGAZA Julian

Umuyobozi Mukuru w'Ibikorwa by'Umujyi wa Kigali